

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 027/03 RYO KU WA 30/12/2021 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI B'URWEGO RW'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 027/03 OF 30/12/2021 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTE GOVERNING EMPLOYEES OF RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 027/03 DU 30/12/2021 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LE PERSONNEL DE L'OFFICE RWANDAIS DE SÉCURITÉ SOCIALE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: GUSHAKA ABAKOZI</u></p>	<p><u>CHAPTER II: RECRUITMENT</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : RECRUTEMENT</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibishingirwaho mu gushaka abakozi</u></p>	<p><u>Article 2: Basis for recruitment</u></p>	<p><u>Article 2 : Base de recrutement</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Uburyo bwo gushaka abakozi</u></p>	<p><u>Article 3: Modalities of recruitment</u></p>	<p><u>Article 3 : Modalités de recrutement</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Abakozi bakorera ku masezerano y'umurimo</u></p>	<p><u>Article 4: Contractual staff</u></p>	<p><u>Article 4: Personnel contractuel</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Amahugurwa y'umukozi utangiyeye akazi</u></p>	<p><u>Article 5: Induction program</u></p>	<p><u>Article 5 : Formation préparatoire</u></p>

<p>UMUTWE WA III: KONGERA UBUSHOBOZI N'IMICUNGIRE Y'ITERAMBERE MU MWUGA BY'UMUKOZI</p>	<p>CHAPTER III: CAPACITY DEVELOPMENT AND CAREER DEVELOPMENT MANAGEMENT</p>	<p>CHAPITRE III : DÉVELOPPEMENT DES CAPACITÉS ET GESTION DU DÉVELOPPEMENT DE CARRIÈRE</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Kongera ubushobozi</p>	<p><u>Section One:</u> Capacity development</p>	<p><u>Section première :</u> Développement des capacités</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Gahunda y'amahugurwa</p>	<p><u>Article 6:</u> Training plan</p>	<p><u>Article 6:</u> Plan de formation</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Gutoranya abakozi bahabwa amahugurwa</p>	<p><u>Article 7:</u> Selection of employees to attend training</p>	<p><u>Article 7 :</u> Sélection du personnel pour participer à la formation</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Uruhushya rwo kujya mu mahugurwa</p>	<p><u>Article 8:</u> Authorisation to attend training</p>	<p><u>Article 8 :</u> Autorisation de participer à une formation</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Amahugurwa adateganyijwe</p>	<p><u>Article 9:</u> Training not provided</p>	<p><u>Article 9:</u> Formation non prévue</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Amasezerano n'uwemerewe amahugurwa</p>	<p><u>Article 10:</u> Contract with the beneficiary of the training</p>	<p><u>Article 10:</u> Contrat avec le bénéficiaire de la formation</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Gukurikira amahugurwa</p>	<p><u>Article 11:</u> Attendance in training</p>	<p><u>Article 11 :</u> Participation à la formation</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Gusubira mu kazi</p>	<p><u>Article 12:</u> Return to work</p>	<p><u>Article 12:</u> Retour au travail</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Raporo y'amahugurwa</p>	<p><u>Article 13:</u> Training report</p>	<p><u>Article 13 :</u> Rapport de formation</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Ikiruhuko cy'umwaka cy'umukozi uri mu mahugurwa</p>	<p><u>Article 14:</u> Annual leave for an employee in training</p>	<p><u>Article 14:</u> Congé annuel d'un employé en formation</p>

<p><u>Ingingo ya 15:</u> Itangwa ry'amafaranga y'amahugurwa <u>Ingingo ya 16:</u> Kwishyura amafaranga y'amahugurwa</p>	<p><u>Article 15:</u> Financing of training <u>Article 16:</u> Payment of training funds</p>	<p><u>Article 15:</u> Financement de formation <u>Article 16:</u> Payement des frais de formation</p>
<p><u>Ingingo ya 17:</u> Ibigenerwa umukozi uri mu mahugurwa</p>	<p><u>Article 17:</u> Allowances allocated to an employee in training</p>	<p><u>Article 17:</u> Indemnités allouées à un employé en formation</p>
<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Imicungire y'iterambere mu mwuga</p>	<p><u>Section 2:</u> Career management</p>	<p><u>Section 2:</u> Gestion de carrière</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Kuzamurwa mu ntera</p>	<p><u>Article 18:</u> Grade promotion</p>	<p><u>Article 18:</u> Promotion en grade</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Kuzamurwa mu ntera ku ngazi ntambike</p>	<p><u>Article 19:</u> Horizontal promotion</p>	<p><u>Article 19:</u> Promotion horizontale</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Kuzamurwa mu ntera ku ngazi mparariki</p>	<p><u>Article 20:</u> Vertical promotion</p>	<p><u>Article 20:</u> Promotion verticale</p>
<p><u>UMUTWE WA IV:</u> UBUTUMWA BW'AKAZI</p>	<p><u>CHAPTER IV:</u> OFFICIAL MISSION</p>	<p><u>CHAPITRE IV:</u> MISSION OFFICIELLE</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Ubutumwa bw'akazi</p>	<p><u>Article 21:</u> Official mission</p>	<p><u>Article 21:</u> Mission officielle</p>
<p><u>UMUTWE WA V:</u> AMAKOSA YO MU RWEGO RW'AKAZI N'UBURYO BWO KUYAKURIKIRANA</p>	<p><u>CHAPTER V:</u> DISCIPLINARY FAULTS AND PROCEEDINGS</p>	<p><u>CHAPITRE V:</u> FAUTES ET PROCÉDURES DISCIPLINAIRES</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Amakosa ahanishwa kwirukanwa ku kazi</p>	<p><u>Article 22:</u> Disciplinary faults sanctioned by dismissal</p>	<p><u>Article 22:</u> Fautes disciplinaires sanctionnées par la révocation</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Amakosa ahanishwa kwirukanwa ku kazi</p>	<p><u>Article 23:</u> Disciplinary faults sanctioned by dismissal</p>	<p><u>Article 23:</u> Fautes disciplinaires sanctionnées par la révocation</p>

<p><u>Ingingo ya 24:</u> Kugena ibindi bikorwa bifatwa nk'amakosa yo mu rwego rw'akazi</p>	<p><u>Article 24:</u> Determination of other acts considered as disciplinary faults</p>	<p><u>Article 24:</u> Détermination d'autres actes considérés comme fautes disciplinaires</p>
<p><u>Ingingo ya 25:</u> Igihe ntarengwa cyo gukurikirana ikosa ryo mu rwego rw'akazi</p>	<p><u>Article 25:</u> Deadline for proceedings over a disciplinary fault</p>	<p><u>Article 25 :</u> Délai de poursuite d'une faute disciplinaire</p>
<p><u>Ingingo ya 26:</u> Urwego rufite ububasha bwo guhana no gutanga ibihano</p>	<p><u>Article 26:</u> Competent authority for disciplinary proceedings and imposition of sanction</p>	<p><u>Article 26:</u> Autorité compétente pour la procédure disciplinaire et l'imposition des sanctions</p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Ubujurire ku rwego rwa mbere</p>	<p><u>Article 27:</u> Appeal at first level</p>	<p><u>Article 27 :</u> Recours au premier degré</p>
<p><u>Ingingo ya 28:</u> Ubujurire ku rwego rwa kabiri</p>	<p><u>Article 28:</u> Appeal at the second level</p>	<p><u>Article 28 :</u> Recours au deuxième degré</p>
<p><u>Ingingo ya 29:</u> Ibiateganyijwe muri uyu mutwe</p>	<p><u>Article 29:</u> Matters not provided in this Chapter</p>	<p><u>Article 29 :</u> Matières non prévues dans le présent chapitre</p>
<p><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 30:</u> Ibiateganyijwe n'iri teka</p>	<p><u>Article 30:</u> Matters not provided for by this Order</p>	<p><u>Article 30 :</u> Matières non prévues par le présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 31:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p>	<p><u>Article 31:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p>	<p><u>Article 31 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 32:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 32:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 32 :</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 027/03 RYO KU WA 30/12/2021 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI B'URWEGO RW'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA</p> <p>Minisitiri w'Intebe;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 009/2021 ryo ku wa 16/02/2021 rishyiraho Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 27;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/11/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 027/03 OF 30/12/2021 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTE GOVERNING EMPLOYEES OF RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD</p> <p>The Prime Minister;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants as amended to date, especially in Article 3;</p> <p>Pursuant to Law n° 009/2021 of 16/02/2021 establishing Rwanda Social Security Board, especially in Article 27;</p> <p>On proposal by the Minister of Public Service and Labour;</p> <p>After consideration and adoption by the Cabinet, in its meeting of 12/11/2021;</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 027/03 DU 30/12/2021 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LE PERSONNEL DE L'OFFICE RWANDAIS DE SÉCURITÉ SOCIALE</p> <p>Le Premier Ministre ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 3 ;</p> <p>Vu la Loi n° 009/2021 du 16/02/2021 portant création de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale, spécialement en son article 27 ;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 12/11/2021;</p>
---	--	--

<p>ATEGETSE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi b'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB).</p> <p><u>UMUTWE WA II: GUSHAKA ABAKOZI</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibishingirwaho mu gushaka abakozi</u></p> <p>Abakozi bashakwa hashingiwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RSSB yemejwe n'Inama y'Ubuyobozi.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Uburyo bwo gushaka abakozi</u></p> <p>Gushaka abakozi ba RSSB, uretse Umuyobozi Mukuru, Abayobozi Bakuru bungirije n'abandi bagize Ubuyobozi Bukuru, bikorwa binyuze mu ipiganwa, hakoreshejwe inzira y'ikoranabuhanga mu gushaka abakozi ya RSSB.</p> <p>RSSB ishobora gushaka abakozi binyuze mu ipiganwa ry'abakozi basanzwe ari abayo gusa.</p>	<p>ORDERS:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order establishes the special statute governing employees of Rwanda Social Security Board (RSSB).</p> <p><u>CHAPTER II: RECRUITMENT</u></p> <p><u>Article 2: Basis for recruitment</u></p> <p>Employees are recruited on the basis of the organisational structure of RSSB approved by the Board of Directors.</p> <p><u>Article 3: Modalities of recruitment</u></p> <p>The recruitment of employees of RSSB, except for the Chief Executive Officer, Deputy Chief Executive Officers and other members of the General Management, is carried out through competition using RSSB e-recruitment.</p> <p>RSSB may use internal recruitment.</p>	<p>ARRÊTE :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté établit le statut particulier régissant le personnel de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB).</p> <p><u>CHAPITRE II : RECRUTEMENT</u></p> <p><u>Article 2 : Base de recrutement</u></p> <p>Les employés sont recrutés sur base de la structure organisationnelle de RSSB approuvée par le Conseil d'Administration.</p> <p><u>Article 3 : Modalités de recrutement</u></p> <p>Le recrutement du personnel de RSSB, à l'exception du Directeur général, des Directeurs généraux adjoints et d'autres membres de la Direction générale, s'effectue par compétition à travers le système de recrutement électronique de RSSB.</p> <p>RSSB peut recourir au recrutement interne.</p>
--	--	---

<p>RSSB ishobora kandi gushaka abakozi mu buryo butaziguye kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <p>1° iyo hasabwa ubumenyi bw'imbonekarimwe;</p> <p>2° iyo hasabwa ubumenyi buhambaye; cyangwa</p> <p>3° iyo umwanya washyizwe ku isoko inshuro ebyiri (2) zikurikirana ntihaboneke uwutsindira.</p> <p>Gukoresha ipiganwa ku bakozi basanzwe bakora muri RSSB gusa no gushaka abakozi mu buryo butaziguye bikorwa hadakoreshejwe inzira y'ikoranabuhanga mu gushaka abakozi ya RSSB, bitangiwe uburenganzira n'Umuyobozi Mukuru.</p> <p>Amategeko ngengamikorere ateganya inzira yo gushaka abakozi.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Abakozi bakorera ku masezerano y'umurimo</u></p> <p>RSSB ishobora gukoresha umukozi ukorera ku masezerano y'umurimo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p>	<p>RSSB may also use direct recruitment due to one of the following reasons:</p> <p>1° requirement of rare skills;</p> <p>2° requirement of exceptional skills; or</p> <p>3° lack of a successful candidate for a post advertised two (2) consecutive times.</p> <p>The internal recruitment and direct recruitment is done without using RSSB e-recruitment, upon authorisation of the Chief Executive Officer.</p> <p>Internal rules and regulations determine the recruitment process.</p> <p><u>Article 4: Contractual staff</u></p> <p>RSSB may employ contractual staff due to one of the following reasons:</p>	<p>RSSB peut également recourir au recrutement direct pour l'une des raisons suivantes :</p> <p>1° l'exigence des compétences rares;</p> <p>2° l'exigence des compétences exceptionnelles; ou</p> <p>3° l'absence d'un candidat ayant réussi pour le poste publié deux (2) fois consécutives.</p> <p>Le recrutement interne et le recrutement direct se fait sans le recours au système de recrutement électronique de RSSB, sur autorisation du Directeur Général</p> <p>Le règlement d'ordre intérieur détermine la procédure de recrutement.</p> <p><u>Article 4 : Personnel contractuel</u></p> <p>RSSB peut employer le personnel contractuel pour l'une des raisons suivantes :</p>
---	---	--

<p>1° gusimbura umukozi udahari mu gihe kingana cyangwa kirengeje amezi atatu (3);</p> <p>2° gushaka umukozi wa <i>single projects implementation unit</i> uteganyijwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yemejwe;</p> <p>3° iyo hari impamvu ifatika ituma hakenerwa umukozi ukora umurimo wihutirwa ariko utagendanye n'umwanya uri ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo;</p> <p>4° iyo hashakwa umukozi ujya mu mwanya w'umurimo udafitiwe abahanga bahagije kandi ukeneye ubuzobere bwihariye ku isoko ry'umurimo.</p>	<p>1° replacing of an employee who is absent for a period equal to or exceeding three (3) months;</p> <p>2° recruitment of a single projects implementation unit employee whose post is provided for by the approved organisational structure;</p> <p>3° in case of sound reasons requiring an employee to perform an urgent task that does not correspond to any position in the organisational structure;</p> <p>4° in case of recruitment for a job position requiring rare and specialised skills on the labour market.</p>	<p>1° le remplacement d'un employé absent au travail pour une période égale ou supérieure à trois (3) mois ;</p> <p>2° le recrutement d'un employé rattaché à <i>single projects implementation unit</i> et dont le poste est prévu par la structure organisationnelle approuvée;</p> <p>3° en cas de raisons fondées nécessitant un employé devant accomplir une tâche ne correspondant à aucun poste de la structure organisationnelle;</p> <p>4° en cas de recrutement pour un poste d'emploi exigeant des compétences rares et spécialisées sur le marché du travail.</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Amahugurwa y'umukozi utangiyeye akazi</u></p> <p>Umukozi ugutangira akazi ahabwa amahugurwa yo kumumenyereza akazi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko ngengamikorere.</p>	<p><u>Article 5: Induction program</u></p> <p>A new employee undergoes an induction course enabling him or her to be familiar with his or her job in accordance with internal rules and regulations.</p>	<p><u>Article 5 : Formation préparatoire</u></p> <p>Un nouvel employé reçoit une formation préparatoire lui permettant de se familiariser avec son travail conformément au règlement d'ordre intérieur.</p>

<p>UMUTWE WA III: KONGERA UBUSHOBOZI N'IMICUNGIRE Y'ITERAMBERE MU MWUGA BY'UMUKOZI</p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Kongera ubushobozi</u></p> <p><u>Ingingo ya 6: Gahunda y'amahugurwa</u></p> <p>Gahunda y'umwaka y'amahugurwa y'abakozi itegurwa hakurikijwe isuzuma ry'ubumenyi ryagaragaje ko bukenewe, kandi hashingiwe kuri gahunda rusange yo guteza imbere ubushobozi.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Gutoranya abakozi bahabwa amahugurwa</u></p> <p>Umuyobozi ushinze imicungire y'abakozi afatanyije na serivisi bireba, atoranya abakozi bahabwa amahugurwa ashingiye ku biteganywa n'amategeko ngengamikorere, akabitangira raporo ku Muyobozi Mukuru.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Uruhushya rwo kujya mu mahugurwa</u></p> <p>Umuyobozi Mukuru aha umukozi uruhushya rwanditse rwo gukurikirana amahugurwa.</p>	<p>CHAPTER III: CAPACITY DEVELOPMENT AND CAREER DEVELOPMENT MANAGEMENT</p> <p><u>Section One: Capacity development</u></p> <p><u>Article 6: Training plan</u></p> <p>The annual training plan of employees is prepared in accordance with assessment of training needs and basing on capacity building plan.</p> <p><u>Article 7: Selection of employees for training</u></p> <p>The head of human resources, in collaboration with concerned services, selects employees for training in accordance with criteria provided for in the internal rules and regulations, and submits a relevant report to the Chief Executive Officer.</p> <p><u>Article 8: Authorisation for training</u></p> <p>The Chief Executive Officer authorises in writing an employee to attend a training.</p>	<p>CHAPITRE III : DÉVELOPPEMENT DES CAPACITÉS ET GESTION DU DÉVELOPPEMENT DE CARRIÈRE</p> <p><u>Section première : Développement des capacités</u></p> <p><u>Article 6: Plan de formation</u></p> <p>Le plan annuel de formation du personnel est préparé en fonction de l'évaluation des besoins de formation et sur base du plan de renforcement des capacités.</p> <p><u>Article 7 : Sélection du personnel pour la formation</u></p> <p>Le responsable des ressources humaines, en collaboration avec les services concernés, sélectionne le personnel qui doit suivre la formation conformément aux critères prévus dans le règlement d'ordre intérieur, et en soumet le rapport au Directeur Général.</p> <p><u>Article 8 : Autorisation de suivre une formation</u></p> <p>Le Directeur Général autorise par écrit un employé devant suivre une formation.</p>
---	--	--

<p>Umukozi ugiye mu mahugurwa nta ruhushya rwanditse ahawe n’Umuyobozi Mukuru afatwa nk’uwataye akazi.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Amahugurwa adateganyijwe</u></p> <p>Umuyobozi Mukuru ashobora kohereza umukozi mu mahugurwa atari kuri gahunda y’amahugurwa y’umwaka ashingiye ku biteganywa n’amategeko ngengamikorere.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Amasezerano n’uwemerewe amahugurwa</u></p> <p>Umukozi wahawe uruhushya rwo kujya mu mahugurwa imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hakurikijwe ibiteganywa n’iri teka agirana amasezerano na RSSB.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Gukurikira amahugurwa</u></p> <p>Umukozi wemerewe kujya mu mahugurwa akurikirana amasomo yose nk’uko yateganyijwe.</p> <p>Umukozi uri mu mahugurwa ntayakurikire nk’uko ateganyijwe nta mpamvu ifatika yishyura amafaranga yishyuriwe kugira ngo ayajyemo n’umushahara yahembwe iyo, mu gihe cy’amahugurwa, atakoraga.</p>	<p>An employee who goes for a training without a written authorisation of the Chief Executive Officer is considered to have deserted his or her position.</p> <p><u>Article 9: Training not provided</u></p> <p>The Chief Executive Officer may send an employee on training not provided for in the annual training plan, basing on the criteria provided for in the internal rules and regulations.</p> <p><u>Article 10: Contract with the beneficiary of the training</u></p> <p>An employee who is authorised to attend training inside or outside the country in accordance with provisions of this Order, signs a contract with RSSB.</p> <p><u>Article 11: Attendance in training</u></p> <p>An employee who is authorised to attend a training pursues all courses as planned.</p> <p>An employee under training who fails to attend the training as planned without a valid justification, reimburses the funds spent on him or her while on training and the salary received if, during the training, he or she was not working.</p>	<p>Un employé qui se rend en formation sans autorisation écrite du Directeur Général est présumé avoir abandonné son poste.</p> <p><u>Article 9 : Formation non prévue</u></p> <p>Le Directeur Général peut envoyer un employé dans une formation non prévue dans le plan de formation annuel en se basant sur les critères prévus par le règlement d’ordre intérieur.</p> <p><u>Article 10 : Contrat avec le bénéficiaire de la formation</u></p> <p>Un employé autorisé à participer à une formation à l’intérieur du pays ou à l’étranger conformément aux dispositions du présent arrêté signe un contrat avec RSSB.</p> <p><u>Article 11 : Participation à la formation</u></p> <p>Un employé autorisé à participer à une formation suit tous les cours comme prévus.</p> <p>Un employé en formation qui ne participe pas à la formation comme prévu sans motif valable rembourse les frais dépensés pour sa formation et le salaire perçu si, au cours de la formation, il ne travaillait pas.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 12: Gusubira mu kazi</u></p> <p>Umukozi uvuye mu mahugurwa asubira mu kazi uherye ku munsu w'akazi ukurikira igihe uruhushya rwo kujya mu mahugurwa rwarangiriyeho.</p> <p>Umukozi uvuye mu mahugurwa asubira mu mwanya w'umurimo yarimo mbere y'uko ajya mu mahugurwa. icyakora, RSSB ishobora kumwimurira mu wundi mwanya bitewe n'ubumenyi yungutse.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Raporo y'amahugurwa</u></p> <p>Umukozi wakoze amahugurwa atanga raporo y'amahugurwa ku Muyobozi Mukuru hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko ngenamikorere.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Ikiruhuko cy'umwaka cy'umukozi uri mu mahugurwa</u></p> <p>Umukozi uri mu mahugurwa afite uburenganzira ku kiruhuko cy'umwaka.</p> <p>Icyakora, iminsi y'ikiruhuko umukozi yagiye ahabwa n'ikigo cy'amahugurwa ikurwa mu kiruhuko cye cy'umwaka, agafata ikiruhuko cy'umwaka kingana n'iminsi isigaye.</p>	<p><u>Article 12: Return to work</u></p> <p>An employee who completes the training resumes his or her work starting from the next working day following the day on which the authorisation to attend training ended.</p> <p>An employee who completes the training returns to the job position he or she held before the training. However, RSSB may transfer him or her to a different position depending on the acquired skills.</p> <p><u>Article 13: Training report</u></p> <p>An employee who pursued a training submits a training report to the Chief Executive Officer in accordance with internal rules and regulations.</p> <p><u>Article 14: Annual leave for an employee in training</u></p> <p>An employee under training is entitled to annual leave.</p> <p>However, holidays awarded to an employee by the training institution are deducted from his or her annual leave and he or she is entitled to the remaining days.</p>	<p><u>Article 12 : Retour au travail</u></p> <p>L'employé qui termine la formation reprend son travail à partir du jour ouvrable suivant le jour où l'autorisation de participer à la formation a expiré.</p> <p>L'employé qui termine la formation retourne au poste qu'il occupait avant la formation. Toutefois, RSSB peut le transférer à un poste différent en fonction de nouvelles compétences acquises.</p> <p><u>Article 13 : Rapport de formation</u></p> <p>Un employé ayant suivi une formation soumet un rapport de formation au Directeur Général conformément au règlement d'ordre intérieur.</p> <p><u>Article 14: Congé annuel d'un employé en formation</u></p> <p>L'employé en formation a droit au congé annuel.</p> <p>Toutefois, les jours de vacance accordés à un employé par l'institution de formation sont déduits de son congé annuel et il a droit aux jours restants.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 15: Itangwa ry'amafaranga y'amahugurwa</u></p> <p>Iyo amafaranga y'amahugurwa agomba gutangwa na RSSB, RSSB yishingira amafaranga y'amasomo, ay'ingendo, ay'amafunguro, ay'icumbi, ay'ubwishingizi bw'indwara, ay'ibitabo n'ay'ibindi bikoresho by'ishuri bikenerwa mu mahugurwa.</p> <p>Iyo igice cy'amafaranga y'amahugurwa gitangwa n'umufatanyabikorwa, umukozi ugiye mu mahugurwa ahabwa na RSSB amafaranga yo kwishyura ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo umufatanyabikorwa atamwishyuriye.</p>	<p><u>Article 15: Financing of training</u></p> <p>If the training is to be financed by RSSB, the funding covers all fees related to training, transport, subsistence, accommodation, medical insurance, documentation and other school equipment required for the training.</p> <p>If the training is partially financed by a partner, the employee who attends a training gets from RSSB the funds to cover expenses provided for in Paragraph One of this Article to extent not covered by the partner.</p>	<p><u>Article 15 : Financement de formation</u></p> <p>Lorsque la formation doit être financée par RSSB, le financement couvre tous les frais de formation, de transport, de subsistance, d'hébergement, d'assurance maladie, de documentation et d'autre équipement scolaire nécessaire pour la formation.</p> <p>Lorsque la formation est financée partiellement par un partenaire, l'employé qui participe à la formation reçoit de RSSB les frais pour couvrir les dépenses prévues à l'alinéa premier du présent article dans la limite de ce qui n'est pas couvert par le partenaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Kwishyura amafaranga y'amahugurwa</u></p> <p>Amafaraanga y'amahugurwa yishyurwa hakurikijwe ibiciro biri ku nyemezabuguzi yatanzwe n'ikigo umukozi ahugurirwamo.</p> <p>Iyo umukozi uri mu mahugurwa atsinzwe icyiciro cy'amasomo gisabwa kugira ngo akomeze amasomo ye, amafaranga yose y'amahugurwa yishyurirwaga arahagarikwa, umukozi akishyurira. RSSB yongera kumwishyurira iyo atsinze.</p>	<p><u>Article 16: Payment of training fees</u></p> <p>Training fees for an employee are paid in accordance with the prices specified on the pro-forma invoice provided by the training institution.</p> <p>If an employee fails a part of courses required to continue the training, all training fees are suspended and the employee pays for himself or herself. RSSB pays again for him or her if he or she passes.</p>	<p><u>Article 16 : Payement des frais de formation</u></p> <p>Les frais de formation d'un employé sont payés sur base des prix indiqués sur la facture pro forma fournie par l'institution de formation.</p> <p>Lorsqu'un employé échoue une partie des cours nécessaires à la poursuite de sa formation, tous les frais de formation sont suspendus et l'employé paie pour lui-même. RSSB ne reprend le payement pour l'employé que lorsque celui-ci réussit.</p>

